Rwanda Education Board

# Umugambi w'isazi



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa

**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Umugambi w'isazi



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

UWIRAGIYE Devotha, yanditse iyi nkuru afite imyaka 14, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Nkurura, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru. Iyi nkuru ye, UMUGAMBI W'ISAZI, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Mu kiruhuko gishize nasuye nyogokuru.
Atuye ku musozi wo hakurya y’iwacu.



Ababyeyi bange bari bampaye ingano.
Izo ngano nzishyira nyogokuru.
Azazikuramo ifu y'igikoma n'umutsima.



Ntaragerayo numva utuntu tuduhira.
Ndebye mbona ni isazi ziteraniye ku myanda.



Ngabanya intambwe ntega amatwi.
Numva isazi iduhira cyane.
Yavugaga ko zizasura umukecuru wo hafi aho.




Naketse ko uwo mukecuru ari nyogokuru.
Nuko ndihuta ngo zitantangayo.



Ngeze kwa nyogokuru, nyura mu gikari.
Nsanga yicaye arimo kuboha umusambi.
Ndasuhuza.



Nyogokuru ahagurukana ubwuzu.
Ntura agaseke turahoberana.
Twari dukumburanye cyane.




Andangira aho ntereka ka gaseke.
Nkajyana mu nzu, ngatereka mu cyumba.




Nuko ndicara turaganira.
Yishimira ko ab'iwacu bose bameze neza.
Nange nishimira ko nsanze ari muzima.




Nijoro mutekerereza ibyo numvanye isazi.
Na we ati: “Niba ari ge zizasura zizatungurwa!”



Bukeye dufatanya gukora isuku mu nzu.
Nyuma, noza amasahani n’amasafuriya.



Turangije gukubura, tubona za sazi ziraje.
Nyogokuru azumvise ati: “Izo ni za sazi!”



Izo sazi zibuze imyanda, zihita zisubirayo.
Ziravuga ziti: “Uyu mukecuru agize amahirwe.
Ntitukimuteye indwara!”



Kuva ubwo, nyogokuru akomeza kugira isuku.
Ayikundisha n'abaturanyi be.
Bahashya indwara zikwirakwizwa n'isazi.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA